

# Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi



## UBUHINZI BW'IMYUMBATI

| GUFUMBIRA | | IBIPIMO BY'IFUMBIRE | IKORESHWA RYARI ? | IKORESHWA GUTE ? |
|---|---|---|---|---|
| **Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara** |  | Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri. | Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera. | Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka. |
| **Ifumbire y'imborera** |  | Koresha ibiro 100 kuri Ari 1 = udutebo 4 twuzuye ifumbire y'imborera cg ingorofani 2 | Hashize ibyumweru 2 ishwagara igiyemo cg mu gihe cy'itera. | Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza |
| **Ifumbire mvaruganda** |  | Koresha ibilo 3 bya NPK 17-17-17 kuri ari 1 | Imyumbati imaze gufata nka nyuma y'iminsi 10 kugeza kuri 20 bateye | Mu kaziga kazengurutse aho ingeri iteye |

***Ari 1 = m 10 x m 10***

IFDC CATALIST

***<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri m 1 hagati y'imirongo na m 1 hagati y'ingeri. Ari 1 ijyaho ingeri 100.***

# Ifishi y’iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

## INDWARA Z’IBANZE N’IBYONNYI

| INDWARA | IBIZIRANGA | UKO BAZIRINDA | UKO BAZIVURA | IBIPIMO BIKORESHWA |
|---|---|---|---|---|
| **Ukubemba kw’imyumbati** |  | - Tera ingeri zivuye ku myumbati y’indobanure ;<br>- Randura iyafashwe uyitwike ;<br>- Simburanya neza imyaka mu murima : Imyumbati ntisimbura indi mu murima. | Nta muti | Nta muti |
| **Agatagangurirwa k’icyatsi kibisi** |  | - Tera imyumbati imvura igitangira kugwa ;<br>- Tera ingeri zivuye ku myumbati y’indobanure. | **Umuti wica udukoko :**<br>Dimetowate (Diméthoate) 40% EC | Vanga ml 10 z’umuti (udufuniko 2 tw’icupa rya Fanta) muri litiro 10 z’amazi, utera Ari 1 niba hari iyafashwe. |
| **Akaribata** |  | - Tera ingeri zivuye ku myumbati y’indobanure ;<br>- Koresha amafumbire uko bikwiye. | **Umuti wica uduhumyo :**<br>Benomili (Benomyl) | Vanga garama 30 z’umuti muri litiro 10 z’amazi utere Ari 10. |

*Ari 1 = m 10 x m 10*

IFDC CATALIST